[illegible]TERI Y'URUBYIRUKO
NO GUTSURA ZA KOPERATIVE
B.P. 1044 KIGALI

**Amategeko agenga irushanwa ly'indilimbo zizihiza Umwaka w'Urubyiruko ku isi hose.**

==========================================

Ingingo ya mbere : Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative igiye gukoresha irushanwa ly'indilimbo lyizihiza Umwaka w'Urubyiruko ku isi hose (1985).

Ingingi ya kabili: Ilyo rushanwa ligamije kwamamaza uruhare rw'urubyiruko mu majyambere no mu mahoro mu gihugu cyabo no ku isi yose.

Ingingo ya gatatu: Ilyo rushanwa lizakorwa ku bulyo bubili :

a) ku rwego rwa za Prefegitura
b) i Kigali ku bazaba baratoranijwe mu rwego rwa Prefegitura.

Ingingo ya kane : Abalirimbyi bazarushanwa baziyandikisha ku biro by'Umuyobozi w'Urubyiruko na Koperative muli Prefegitura guhera ku italiki ya mbere kugeza kuya mirongo itatu z'Ugushyingo 1984.

Ingingo ya gatanu: Amataliki ilyo rushanwa lizaberaho azatangazwa muli Radio Rwanda.

Ingingo ya gatandatu : Ilyo rushanwa liteganya ibyiciro bitatu by'indilimbo :

a) Indilimbo zilirimbwa n'umuntu umwe gusa yicurangira cyangwa se adacuranga (soliste)
b) Indilimbo zilirimbwa n'abantu benshi mu majwi y'Urwunge (chorale)
c) Indilimbo zilirimbwa n'abantu benshi bacuranga (orchestre).

Ingingo ya kalindwi: Uwemererwa kujya muli ili rushanwa ni uwujuje ibi bikulikira :

a) Guhimba mu Kinyarwanda indilimbo bwite kandi zitigeze zitangazwa mbere y'ilyo rushanwa;
b) Kwohereza mbere y'irushanwa ku buyobozi bw'urubyiruko na Koperative muli Prefegitura kopi y'indilimbo yahimbiwe ilyo rushanwa;
c) Kwemera ko indilimbo zahimbiwe ilyo rushanwa zitangazwa aliko bitanyuranye n'amategeko agenga uburenganzira bw'umuhimbyi;
d) Guhimba indilimbo imwe gusa kandi itarenza iminota cumi;
e) Kwiyemeza gukulikiza aya mategeko agenga ilyo rushanwa mbere yo kwiyandikisha.

.../...

Ingingo ya munani : Abiyandikishije mu irushanwa bagomba guhimba bahereye ku nteruro-nyobozi Ministeri izabohererez hamwe n'aya mategeko.

Ingingo ya cyenda : Abarushanwa bagomba kwirwanaho ku byerekeye ingendo n'amacumbi.

Ingingo ya cumi : Abazahembwa muli ilyo rushanwa ni aba bakulikira:

a) Nta gihembo giteganijwe ku rwego rwa Prefegitura

b) Mu Rwanda hose hazahembwa abantu 12, ni ukuvuga 4 ba mbere muli buli cyiciro mu byavuzwe mu ngingo ya gatandatu y'aya mategeko.

Ingingo ya cumi n'imwe : Ibyo bihembo byateganijwe ku bulyo bukulikira :

a) Indilimbo ya mbere y'ulirimba ku giti cye (soliste) izahembwa 30.000 FRW, iya kabili 20.000 FRW iya gatatu 15.000 FRW, iya kane 10.000 FRW;

b) Indilimbo ya mbere y'abalirimba mu majwi y'urwunge (chorale) izahembwa 80.000 FRW, iya kabili 60.000 FRW, iya gatatu 40.000 FRW, iya kane 20.000 FRW;

c) Indilimbo ya mbere y'abalirimba bacuranga (orchestre) izahembwa 80.000 FRW iya kabili 60.000 FRW, iya gatatu 40.000 FRW, iya kane 20.000 FRW.

Ingingo ya cumi n'ebyili: a) Indilimbo izabona igihembo cya mbere muli buli rwego na buli cyiciro ni izaba yabonye amanota angana cyangwa ali hejuru ya mirongo inani ku ijana (80 %). Nihaboneka nyinshi zirengeje aya manota, zizahembwa hakulikijwe imyanya zizaba zabonye;

b) Izindi ndilimbo zizabona ibihembo ni izizaba zabonye nibura amanota ali hagati ya mirongo itandatu ku ijana (60 %) na mirongo inani ku ijana (80 %).

Ingingo ya cumi n'eshatu: Inteko zishinzwe gutanga amanota muli ilyo rushanwa zishyirwaho ku bulyo bukulikira :

a) Muli Prefegitura ishyirwaho na Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative afatanyije na Prefe wa Prefegitura

b) Mu Rwanda hose ishyirwaho na Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative.

.../...

<u>Ingingo ya cumi n'enye</u> : Inteko ishinzwe gutanga amanota ifite ububasha buhagije butuma itanga imyanya ku barushanwa. Mbere y'irushanwa, iyo nteko igeza kuli Ministri amategeko agenga imikorere yayo. Ayo mategeko kandi niyo agenga uburyo n'inzira bikulikizwa mu gutanga amanota ku barushanwa.
Imikorere y'inteko ishingira kuli ayo mategeko kandi ikubahiliza n'amabwiliza akubiye muli izi ngingo.

<u>Ingingo ya cumi n'eshanu</u> : Ibyemezo by'inteko igenga irushanwa ntibisubirwaho. Nyamara aliko iyo abarenze icya kabili cy'abagize inteko basanga zimwe muli izi ngingo hamwe n'iz'amategeko agenga imikorere y'inteko zitubahilijwe, bashobora kubimenyesha Ministri akagira icyo abivugaho mbere y'itangwa ly'ibihembo.

<u>Ingingo ya cumi n'esheshatu</u>: Abagize inteko bashobora kwiyandikisha mw'irushanwa aliko ugiye mw'irushanwa ntatanga amanota muli icyo cyiciro agiye kurushanwamo.

<u>Ingingo ya cumi na kalindwi</u>: Nta bujulire abarushanwa bashobora kugira bwerekeranye n'imigendekere y'irushanwa, imitunganyilize yalyo cyangwa ibyemezo bifatwa igihe cy'umwanzuro waryo.

Bikorewe i Kigali, kuwa 8 Ukwakira 1984.

MINISTERI Y'URUBYIRUKO
NO GUTSURA ZA KOPERATIVE
B.P. 1044 KIGALI

## 1985 : UMWAKA W'URUBYIRUKO KU ISI HOSE

## IBITEKEREZO-NYOBOZI BY'URUBYIRUKO.

- Urubyiruko rugomba kugira uruhare rugaragara mu guharanira amahoro, no mu gutsura amajyambere.
- Amahoro ni imwe mu ntego za Muvoma yacu akaba ali n'imwe mu ntego z'Umwaka w'Urubyiruko. Muli uwo mwaka rero, urubyiruko rugomba gutozwa ku buryo bugaragara, kumenya guharanira amahoro kurushaho.
- Amajyambere niyo ntego Ubumwe n'Amahoro bizatugezaho. Urubyiruko rero nirwo u Rwanda ruhanze amaso mu guteza imbere ibikorwa bya kijyambere.
- Urubyiruko rukwiye gutozwa cyane gukunda imilimo y'amaboko. Ubuhinzi-bworozi bukaza mu cyiciro cya mbere.
- Ubukolikoli bugomba gutera imbere, ibyo bigaturuka cyane cyane mu rubyiruko.
- Ubumenyi ni inkingi y'amajyambere. Niyo mpamvu urubyiruko rugomba kumenya mbere na mbere gusoma no kwandika.
- Iteka uko bishobotse, urubyiruko rwamenye gusoma no kwandika rugomba kubitoza abandi batarabimenya.
- Umwaka w'Urubyiruko wagombye kuzarusigira ubwitonzi buzatuma no mu gihe kili imbere, rumenya ko umulimo ali ngombwa, kandi ko umulimo utaba gusa mu mijyi.
- Ku byerekeye umubano n'amahanga, urubyiruko rugomba kuzaba inkingi ihamye y'ubwumvikane hagati y'Ibihugu byose.
- Birumvikana ko urubyiruko rwa buli Gihugu, niruharanira byimazeyo Amahoro n'Amajyambere, isi izatera intambwe nyayo mu byerekeye imibereho myiza y'abayituye.